# Havumbutse amashyuza



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya  umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije  gusoma inkuru  cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika  inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana  kwandika  inkuru  ku ifoto  imanitse mu  ruganiriro,  ku muntu runaka  wo  mu rugo, ku bindi bintu  ubona  hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa  akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo  kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Havumbutse amashyuza



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

INEZA Consolatrice, yanditse iyi nkuru afite imyaka 13, yiga mu mwaka wa 2 w'amashuri yisumbuye, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Shoba-Muramba, Akarere ka Karongi, Intara y'Iburengerazuba. Iyi nkuru ye, HAVUMBUTSE AMASHYUZA ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.



Kera habayeho umukobwa witwaga Umumararungu, agatura ku musozi wa Bugonyori. Uwo mukobwa yagiraga isuku cyane ndetse n'iwabo hagahora hateguye.



Mu gace yari atuyemo, abantu benshi baramukundaga cyane. Yakundaga gusabana kandi agafasha abakecuru n'abasaza batishoboye. Mbese nk'uko izina rye ribivuga, yari umumararungu koko.



Mu buzima bwe, ntiyajyaga yoga amazi akonje. Yogaga ashyushye gusa. Umunsi umwe, abyuka yitegura kujyana n'abandi bakobwa mu rubohero.



Umumararungu aterura amazi ashyushye, yerekeza aho yakundaga kogera. Mu gihe yagendaga, aranyerera amazi arameneka yinjira mu butaka ayareba.



Nuko arababara cyane, aricara, yitangira itama. Yibaza ibimubayeho biramuyobera. Ntiyumvaga ukuntu amazi adasandaye, ahubwo agahita acengera yose mu butaka.



Umumararungu atangira kuririmba. Ati: “Butaka, butaka, kuki unywereye amazi?” Umumararungu amaze kuvuga atyo, ha handi amazi yacengeye hatangira kwika.



Arongera ati: “Butaka, butaka, kuki unywereye amazi?” Ha handi amazi yacengeye harongera hararigita, Umumararungu avuza induru.



Umusaza wihitiraga yumva induru idasanzwe ajya kureba ibibaye. Ageze aho Umumararungu ari asanga atitira kubera ubwoba.



Umusaza amubaza ikibaye.
Umumararungu ananirwa kuvuga, ahubwo amwereka aho  ubutaka bwarigise.
Umusaza yitegereza aho hantu abona nta kintu gihari. Nuko araseka cyane.



Abonye Umumararungu akomeza kuhatunga urutoki, agira amatsiko arahegera. Hanyuma afata ikibando yari yitwaje agishinga aharigise. Muri ako kanya ikibando na cyo gitangira kurigita.



Ubwo umusaza na we arumirwa, agira ubwoba, ashikuza cya kibando. Ako kanya ha handi hari harigise havumbuka amazi ashyushye cyane, atogota.



Umumararungu n’umusaza barumirwa.
Bavugiriza induru icyarimwe, abantu benshi barahurura.
Abantu babonye ukuntu ya mazi ava mu butaka atogota birabatangaza cyane.



Kuva ubwo bayita amashyuza,
Umumararungu akajya akunda
kuyavoma, akayiyuhagira.
Abatuye muri ako gace babimenye, na bo
bakajya baza kuyogamo.



Abakecuru n'abasaza bakavuga ko iyo bayoze bamererwa neza.

Inkuru y'amashyuza iramamara, abantu bakaza kuyoga bavuga ko abavura amavunane.

Si nge wahera hahera umugani.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA